Imyitwarire y'abana bato ku ishuri (kuva mu ishuri ry'inshuke kugeza mu mwaka wa 3): Ni ibiki byemewe? Ni ubuhe burenganzira mfite?

Advocates for Basic Legal Equality, Inc.

Legal Aid of Western Ohio, Inc.®

Ese umwana muto wange ashobora kwirukanwa cyangwa kwirukanwa burundu ku ishuri rya leta?

Akenshi usanga igisubizo ari OYA. Ugasanga ahubwo akenshi ushobora:

- gukomeza kohereza uwo mwana wawe ku ishuri
- kujuririra ikemezo k'ishuri

Ni ryari ishuri rya leta rishobora kwirukana umwana muto wange?

Umwana muto wawe ashobora kwirukanwa cyangwa kwirukanwa burundu igihe:

- Umwana wawe azanye imbunda cyangwa icyuma ku ifasi y'amashuri.
- Umwana wawe azanye imbunda cyangwa icyuma mu gikorwa icyo ari cyo cyose cyateguwe n'ishuri. (Urugero: imikino ngororamubiri, imyitozo, amakinamico yateguwe n'ishuri, ingendoshuri).
- Umwana wawe aramutse akomerekeje umuntu bikabije cyangwa akangiza umutungo w'ishuri bikabije igihe ari ku ifasi y'amashuri cyangwa mu gikorwa runaka cyateguwe n'ishuri.
- Umwana wawe aramutse ateye abandi ubwoba ko azaturitsa igisasu kigasenya inyubako y'ishuri cyangwa akagiturikiriza mu gikorwa runaka
- Kwirukanwa biba ari ngombwa iyo hagomba guhita harindwa ubuzima n'umutekano bye, iby'abandi bana cyangwa iby'abakozi.

Ese amategeko akurikizwa mu mashuri ya leta asanzwe atandukanye n'akurikizwa mu mashuri ya leta ashingiye ku masezerano?

OYA. Amategeko aba ari amwe mu mashuri ya leta asanzwe n'amashuri ya leta ashingiye ku masezerano. Ariko amashuri yigenga yo ashobora kwishyiriraho amategeko yayo yihariye. Bivuze ko amakuru agaragara muri iyi nyandiko areba gusa amashuri ya leta asanzwe n'amashuri ya leta ashingiye ku masezerano.

Mba mfite ubuhe burenganzira igihe umwana muto wange aramutse arenganyijwe akirukanwa cyangwa akirukanwa burundu ku ishuri?

- Ufite uburenganzira bwo kujurira.
- Ufite uburenganzira bwo kwisobanura.
- Ishuri rigomba kuguha inyandiko ikumenyesha ko umwana yirukanwe cyangwa yirukanwe burundu.
- Iyo nyandiko imenyesha igomba no gusobanura uko ubujurire buzagenda.

Ishuri umwana wange yigaho ryambwiye ko mba ngumanye umwana wange mu rugo umunsi wose kubera ko hari amakosa yakoze, ariko bitavuze ko yirukanwe cyangwa yirukanwe burundu. Ese ryaba rifite uburenganzira bwo gufata ikemezo nk'icyo?

OYA. Iyo ishuri ritegetse ko umwana aguma mu rugo kubera ikibazo k'imyitwarire aba ari uko**yirukanwe cyangwa yirukanwe burundu**, kabone n'ubwo ishuri ryageregeza kubishakira indi nyito (nko kubyita kumuha “umwanya wo gutuza” cyangwa kumuha “ikiruhuko”).

Ese mba mfite ubuhe burenganzira igihe ishuri risabye ko ngumana umwana wange mu rugo umunsi wose?

- Gusaba inyandiko ijyanye n'ikemezo. Buri gihe ugomba guhabwa inyandiko ikumenyesha ko umwana yirukanwe cyangwa yirukanwe burundu.
- Igihe nta nyandiko ijyanye n'icyo kemezo wahawe, ohereza umwana wawe ku ishuri. Igihe utabigenje uko, ishuri rizandika muri raporo zaryo ko umwana wawe “yasibye ishuri nta mpamvu.”

Advocates for Basic Legal Equality, Inc. na Legal Aid of Western Ohio, Inc. ni ibigo by'amategeko bidaharanira inyungu bifasha abantu n'imiryango batishoboye baba mu Burengerazuba bwa Ohio mu bijyanye n'ubwunganizi mu by'amategeko mbonezamubano. Aya makuru ntafatwa nk'ubujyanama mu by'amategeko. Ni amakuru atangwa muri rusange. Ntabwo yakubuza kwiyambaza umunyamategeko mu kibazo cyawe. Ushobora gukomeza gukenera ubufasha bw'umunyamategeko. *Iheruka kuvugururwa tariki ya 19 Ugushyingo 2019

Advocates for Basic Legal Equality, Inc.

Legal Aid of Western Ohio, Inc.®

TOGETHER, WE DO THE COMMUNITY JUSTICE

Uyu mushinga uterwa inkunga n'umuryango wa Dayton Legal Heritage Foundation wa Dayton Foundation.

DAYTON LEGAL HERITAGE FOUNDATION

Mfite impungenge ko umwana wange ashobora kuba akeneye serivisi z'ubuzima bwo mu mutwe. Ni ubuhe burenganzira mfite?

- Umuyobozi w'ikigo umwana wawe yigaho agomba kubanza kwiyambaza inzobere mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe mbere y'uko umwana wawe yirukanwa cyangwa yirukanwa burundu.
- Hari igihe biba ngombwa ko ishuri rikohereza hanze yaryo akaba ari ho ujya guherwa izindi serivisi z'ubuzima bwo mu mutwe.
- Ushobora kwifuza gusaba ishuri ubufasha. Hari igihe biba ngombwa ko ifasi y'amashuri itanga ubujyanama bujyanye n'ubuzima bwo mu mutwe mu rwego rwa serivisi zerekeye uburezi bwihariye zigenerwa umwana.

Ese ikigo k'ishuri gishobora kwirukana umwana muto wange mu ishuri yigamo ariko akaguma ku ishuri?

YEGO, ARIKO igihe umwana yirukanwe mu ishuri yigamo agomba gushyirwa ahandi hantu hatuma akomeza kwiga. Umwana wawe ntashobora kuguma mu kirongozi gusa cyangwa ngo ashyirwe gusa mu biro by'ishuri.

Ese ishuri rishobora kunsaba kuza gufata umwana wange amasaha yo gutaha ataragera igihe bibaye ngombwa ko hafatwa “ikemezo cyo guhita yoherezwa mu rugo?”

YEGO, ARIKO icyo kemezo cyo guhita yoherezwa mu rugo kigomba gufatwa gusa igihe ishuri ribona ko umwana wawe ashobora kuribera ikibazo cyangwa akakibera abandi. Ushobora gusaba ko hatangwa inyandiko imenyesha ko umwana yoherejwe mu rugo. IKITONDERWA: Si ngombwa ko ishuri ritanga inyandiko imenyesha iyo umwana yoherejwe mu rugo ariko igihe aribuhamare kikaba kitangana n'umunsi wose.

Ikemezo cyo guhita bohereza umwana muto mu rugo kigomba gukomeza kubahirizwa mu gihe kingana iki?

Ikemezo cyo guhita bohereza umwana mu rugo kimara igihe kitageze ku munsi w'amasomo wose iyo cyafatiwe umwana muto. Umwana wawe agomba kwemererwa gusubira ku ishuri ku munsi w'amasomo ukurikiraho.

Ese ishuri rishobora kwirukana umwana wange, kumwirukana burundu cyangwa kumwohereza mu rugo kubera ko asiba cyane.

OYA. Umwana wawe ntashobora kwirukanwa, kwirukanwa burundu cyangwa koherezwa mu rugo kubera gusa impamvu yo gusiba ishuri cyane.

Ese ishuri rya leta rishingiye ku masezerano rishobora kwirukana umwana wange kubera gusiba cyane?

Yego. Ishuri rya leta rishingiye ku masezerano rishobora kwirukana umwana wawe nyuma yo gusiba ishuri amasaha 72 kandi nta mpamvu. Saba inyandiko, nk'ikemezo cya muganga, kugira ngo igaragaze koko impamvu umwana yasibye. Kora ku buryo uyishyikiriza ishuri umwana wawe yigaho. Bika kopi.

Nakora iki igihe umwana wange yirukanwe cyangwa yirukanwe burundu?

- **Saba** inyandiko imenyesha ibijyanye n'icyo kemezo. Ntutahane umwana wawe batabanje kuyiguha.
- **Saba** guhabwa umwanya wo kwisobanura uri kumwe n'umuyobozi w'ishuri. Tanga ubusabe bwawe mu nyandiko. Bika kopi.
- **Saba** kopi z'indangamanota z'umwana wawe.
- **Vuganira** umwana wawe mu gihe cyo kwisobanura. Ushobora kwitwaza umwunganizi mu mategeko mu gihe cyo kwisobanura.

Niba ukeneye ubufasha mu by'amategeko ku buntu:

HAMAGARA:

Legal Aid Line yo mu Burengerazuba bwa Ohio:
UMURONGO UTISHYURWA: (888) 534-1432

OHEREZA UBUSABE KURI INTERINETI:

Urubuga rwa Legal Aid Line:
www.legalaidline.org